

AMABWIRIZA N° 87/2024 YO KU WA 19/12/2024 YEREKEYE SHEKI ZITAZIGAMIWE <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mabwiriza rusange agamije <u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n'aya mabwiriza rusange <u>Ingingo ya 3:</u> Isobanura <u>UMUTWE WA II:</u> INSHINGANO Z'IKIGO CYISHYURA N'IZ'UTANZE SHEKI <u>Ingingo ya 4:</u> Inshingano z'ikigo cyishyura <u>Ingingo ya 5:</u> Inshingano z'utanze sheki <u>UMUTWE WA III:</u> IMENYEKANISHA, IBIHANO N'IBISABWA KUGIRA NGO IBIHANO BIVANWEHO <u>Ingingo ya 6:</u> Imenyeekanisha <u>Ingingo ya 7:</u> Ibihano byo mu rwego	REGULATION N° 87/2024 OF 19/12/2024 RELATING TO BOUNCING CHEQUES <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Regulation <u>Article 2:</u> Scope <u>Article 3:</u> Interpretation <u>CHAPTER II:</u> OBLIGATIONS OF THE PAYING INSTITUTION AND THE DRAWER <u>Article 4:</u> Obligations of the paying institution <u>Article 5:</u> Obligations of the drawer <u>CHAPTER III:</u> NOTIFICATION, SANCTIONS AND CONDITIONS FOR THE REMOVAL OF SANCTIONS <u>Article 6:</u> Notification <u>Article 7:</u> Administrative sanctions	RÈGLEMENT N° 87/2024 DU 19/12/2024 RELATIF AUX CHÈQUES SANS PROVISION <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier:</u> Objet du présent règlement <u>Article 2 :</u> Champ d'application <u>Article 3:</u> Interprétation <u>CHAPITRE II:</u> OBLIGATIONS DE L'ÉTABLISSEMENT PAYEUR ET DU TIREUR <u>Article 4:</u> Obligations de l'établissement payeur <u>Article 5:</u> Obligations du tireur <u>CHAPITRE III:</u> NOTIFICATION, SANCTIONS ET CONDITIONS DE LEVÉE DES SANCTIONS <u>Article 6 :</u> Notification <u>Article 7:</u> Sanctions administratives
--	---	---

rw'ubutegetsi bihabwa uwatanze sheki itazigamiwe <u>Ingingo ya 8:</u> Ibisabwa kugira ngo ibihano bivanweho <u>Ingingo ya 9:</u> Gusubiza ubusabe bwo gukurirwaho ibihano <u>Ingingo ya 10:</u> Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa ikigo cy'imari <u>UMUTWE WA IV:</u> GUSAZA KW'IBIHANO <u>Ingingo ya 11:</u> Gusaza kw'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi kuri sheki zitazigamiwe <u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA <u>Ingingo ya 12:</u> Ingingo ivanaho <u>Ingingo ya 13:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 14:</u> Gutangira gukurikizwa	applicable to the cheque defaulter <u>Article 8:</u> Conditions for removal of sanctions <u>Article 9:</u> Reply to the application for sanctions removal <u>Article 10:</u> Administrative sanctions applicable to a financial institution <u>CHAPTER IV:</u> PRESCRIPTION <u>Article 11:</u> Prescription of administrative sanctions on bouncing cheques <u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS <u>Article 12:</u> Repealing provision <u>Article 13:</u> Language provision <u>Article 14:</u> Entry into force	applicables à l'émetteur du chèque sans provision <u>Article 8:</u> Conditions de levée des sanctions <u>Article 9:</u> Réponse à la demande de levée des sanctions <u>Article 10:</u> Sanctions administratives applicables à l'institution financière <u>CHAPITRE IV:</u> PRESCRIPTION <u>Article 11:</u> Prescription des sanctions administratives relatives aux chèques sans provision <u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS FINALES <u>Article 12:</u> Disposition abrogatoire <u>Article 13:</u> Disposition linguistique <u>Article 14:</u> Entrée en vigueur
---	--	--

AMABWIRIZA N° 87/2024 YO KU WA 19/12/2024 YEREKEYE SHEKI ZITAZIGAMIWE Banki Nkuru y'u Rwanda; Ishingiye ku Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 6bis, iya 8, iya 9, iya 10, iya 15 n'iya 54; Ishingiye ku Itegeko n° 060/2021 ryo ku wa 14/10/2021 ryerekeye inyandiko zishobora gucuruzwa cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3, iya 106, iya 107, iya 108, iya 109, 126 n'iya 127; Ishingiye ku Itegeko n° 044/2024 ryo ku wa 30/05/2024 rigenga amabanki, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6; Ishingiye ku Itegeko n° 072/2021 ryo ku wa 05/11/2021 rigenga ibigo by'imari iciriritse byakira amafaranga abitswa, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2 n'iya 4; Ishingiye ku Itegeko n° 061/2021 ryo ku wa 14/10/2021 rigenga uburyo bwo kwishyurana, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6 n'iya 51; Isubiye ku mabwiriza rusange n° 2310/2018 -	REGULATION N° 87/2024 OF 19/12/2024 RELATING TO BOUNCING CHEQUES The National Bank of Rwanda; Pursuant to Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda as amended to date, especially in its Articles 6, 6bis, 8, 9, 10, 15, and 54; Pursuant to Law n° 060/2021 of 14/10/2021 governing negotiable instruments, especially in its Articles 3, 106, 107, 108, 109, 126 and 127; Pursuant to Law n° 044/2024 of 30/05/2024 governing banks, especially in its Article 6; Pursuant to Law n° 072/2021 of 05/11/2021 governing deposit-taking microfinance institutions, especially in its Articles 2 and 4; Pursuant to Law n° 061/2021 of 14/10/2021 governing the payment system, especially in its Articles 6 and 51; Having reviewed Regulation, n° 2310/2018 -	RÈGLEMENT N° 87/2024/ DU 19/12/2024 RELATIF AUX CHÈQUES SANS PROVISION La Banque Nationale du Rwanda; Vu la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 6, 6bis, 8, 9, 10, 15, et 54 ; Vu la Loi n° 060/2021 du 14/10/2021 régissant les titres négociables, spécialement en ses articles 3, 106, 107, 108, 109, 126 et 127 ; Vu la Loi n° 044/2024 du 30/05/2024 régissant les banques, spécialement en son article 6 ; Vu la Loi n° 072/2021 du 05/11/2021 régissant les institutions de microfinance de dépôt, spécialement en ses articles 2 et 4 ; Vu la Loi n° 061/2021 du 14/10/2021 régissant le système de paiement, spécialement en ses articles 6 et 51 ; Revu le Règlement n° 2310/2018 - 00018
--	---	---

00018[614] yo ku wa 27/12/2018 ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekeye sheki zitazigamiwe; ISHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA: <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mabwiriza agamije Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo bwo gucunga, gukemura no gukumira ibibazo birebana na sheki zitazigamiwe no guteganya ibihano byerekeye sheki itazigamiwe. <u>Ingingo ya 2: Ibirebwa n'aya mabwiriza</u> Aya mabwiriza areba ibijyanye na sheki zitazigamiwe, ikigo cyishyura, ikigo cyishyura n'uwatanze sheki itazigamiwe. <u>Ingingo ya 3: Isobanura</u> Muri aya mabwiriza – (a) « sheki itazigamiwe » bivuga sheki yo mu	00018 [614] of 27/12/2018 of the National Bank of Rwanda relating to Bouncing Cheques; ISSUES THE FOLLOWING REGULATION: <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Regulation This Regulation aims to establish the modalities of management, processing, and prevention of issues relating to bouncing cheques, and to provide for sanctions associated with a bouncing cheque. <u>Article 2:</u> Scope This Regulation shall apply to bouncing cheques, a paying institution, a presenting institution, and a cheque defaulter. <u>Article 3:</u> Interpretation In this Regulation – (a) “bouncing cheque” means a physical	[614] du 27/12/2018 de la Banque Nationale du Rwanda relatif aux chèques sans provision; ÉDICTE LE RÈGLEMENT SUIVANT: <u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier :</u> Objet du présent règlement Le présent règlement a pour objet d'établir les modalités de gestion, de traitement et de prévention des problèmes liés aux chèques sans provision et de prévoir les sanctions associées à un chèque sans provision. <u>Article 2 :</u> Champ d'application Le présent règlement s'applique aux chèques sans provision, à l'établissement payeur, à l'établissement présentateur et à l'émetteur du chèque sans provision. <u>Article 3 :</u> Interprétation Dans le présent règlement – (a) « chèque sans provision » signifie un
---	--	---

buryo bw'urupapuro cyangwa sheki-koranabuhanga itishyuwe nyamara yaramenyeshewe nyiri ukuyitanga, bitewe no kuba, mu gihe cyose cy'iminsi 60 iyo sheki igifite agaciro kayo, nta mafaranga ahagije ari kuri konti y'uwayitanze cyangwa indi mpamvu yose ikomatanyijwe no kuba nta mafaranga ahagije ari kuri konti cyangwa iyo sheki itanzwe kuri konti yahagaze;	or truncated cheque that is not paid despite the provided notification, due to insufficient funds or any other reason associated with insufficient funds on the drawer's account within the 60 days validity period of the cheque or when a cheque is issued to a dormant account;	chèque physique ou dématérialisé qui n'est pas payé malgré la notification fournie, en raison d'une insuffisance de fonds ou de toute autre raison associée à une insuffisance de fonds sur le compte du tireur au cours de la période de validité de 60 jours du chèque ou lorsqu'un chèque est émis sur un compte dormant ;
(b) « Banki Nkuru » bivuga Banki Nkuru y'u Rwanda;	(b) “Central Bank” means the National Bank of Rwanda;	(b) « Banque Centrale » signifie la Banque Nationale du Rwanda ;
(c) « uwatanze sheki itazigamiwe » bivuga umuntu watanze sheki itazigamiwe;	(c) “cheque defaulter” means a drawer who issued a bouncing cheque;	(c) « émetteur du chèque sans provision » désigne le tireur qui a émis le chèque sans provision ;
(d) « sheki » bivuga inyandiko itavuguruzwa yanditse mu buryo busobanutse itanzwe n'uwayishyizeho umukono igenewe ikigo cy'imari, isaba kwishyura nyiri ubwite, umuntu wagenwe cyangwa uyitwaje, mu gihe bisabwe, umubare w'amafaranga ugaragara neza ku nyandiko;	(d) “cheque” means a clear and unconditional order in writing that is addressed by its signatory to a financial institution and requires to pay on demand a specific amount of money to the drawer or to a specified person or the bearer;	(d) « chèque » signifie un ordre clair et inconditionnel adressé par écrit par son signataire à une institution financière et exigeant le paiement à vue d'une somme d'argent déterminée au tireur, à une personne déterminée ou au porteur ;
(e) « Inguzanyo »: umutungo uwo ari wo wose cyangwa umutungo utagaragara mu ifoto y'umutungo ushobora kutishyurwa, nk'inguzanyo, inguzanyo y'ingoboka, avansi, ikodesha-gurisha, inyandiko z'agaciro zemerwa, inyandiko zifite	(e) “Credit Facility”: Any asset or off-balance sheet item that contains credit risk, such as loans, overdrafts, advances, finance leases, acceptances, bills discounted, guarantees, and other assets or contingencies connected with	(e) « Crédit »: tout avoir ou élément de hors bilan qui contient le risque de crédit, tels que les prêts, les découverts, les avances, le prêt bail, les acceptations, les effets escomptés, les sûretés et autres éléments d'actif ou imprévus en rapport avec le

agaciro mu mafaranga, ingwate n'indi mitungo cyangwa ibidateganyijwe bifitanye isano n'ingorane zaterwa no kutishyurwa kw'imyenda; (f) «Ingoranze zaterwa no kutishyurwa kw'inguzanyo»: ingorane zateza igihombo cy'amafaranga, kabone n'iyo hagurishwa ingwate yo ku rwego rwa mbere cyangwa iyo ku rwego rwa kabiri, bitewe n'uko uwagurijwe atabashije kwishyura umwenda afitiye ikigo cy'imari. (g) «konti yahagaze » bivuga konti imaze umwaka umwe idakora uherye ku gikorwa cya nyuma cyayikoreweho, ikaba idakoreshe na nyirayo cyangwa undi mukiriya; (h) «utanga sheki » bivuga umuntu utanga sheki; (i) «ikigo cy'imari » bivuga ikigo cyemerewe na Banki Nkuru gukora ibikorwa byo kwakira amafaranga abitswa gikoreshe sheki nk'inyandiko ishobora gucuruzwa; (j) «ikosa » bivuga iyishyuzwa rya sheki imwe cyangwa nyinshi zitazigamiwe,	credit risk. (f) «Credit risk»: the risk of financial loss, despite the realization of the main or secondary collateral, because of a debtor's inability to satisfy his/her obligations to a bank; (g) «dormant account» means a non-operational account that has remained inactive for a period of one year from the date of the last transaction, neither from the account owner nor any other customer; (h) «drawer» means a person who draws a cheque; (i) «financial institution» means an entity licensed by the Central Bank to undertake activities of deposit-takings that uses a cheque as a negotiable instrument; (j) «incident» means a presentation of a bouncing cheque or several bouncing	risque de crédit. (f) «Risque de crédit»: le risque de perte financière, malgré la réalisation de garantie principale ou secondaire, en raison de l'incapacité d'un débiteur de d'honorer ses obligations envers une institution financière; (g) «compte dormant » signifie un compte non opérationnel qui est resté inactif pendant une période d'un an à compter de la date de la dernière opération, et n'est pas utilisé par le titulaire du compte ou tout autre client ; (h) «tireur » signifie une personne qui tire un chèque ; (i) «institution financière » signifie une entité agréée par la Banque Centrale pour entreprendre des activités de dépôt et qui utilise un chèque comme instrument négociable ; (j) «incident » signifie la présentation d'un chèque sans provision ou de plusieurs
---	---	--

zatanzwe ku kigo cy'imari kimwe cyangwa byinshi ku munsu umwe hatitawe ku itariki izi sheki zitazigamiwe zatangiwe; amakosa rero ashirwa mu byiciro bine bikurikira: ikosa rya mbere, ikosa rya kabiri, ikosa rya gatatu, ikosa rya kane n'andi; (k) « ikigo cyishyura » bivuga ikigo cy'imari kishyura sheki cyangwa kinyuzwaho sheki kugira ngo yishyurwe cyangwa cyoherejwe sheki kugira ngo kiyishyure; (l) « sheki yo mu buryo bw'urupapuro » bivuga sheki mu nyandiko yujijwe kuri rumwe mu mpapuro zigize agatabo ka sheki; (m) « ikigo cyishyura » bivuga ikigo cy'imari cyakira sheki kiyihawe mu buryo butaziguye n'utanga sheki ubwe, uwahawe sheki cyangwa uwo yatumye, cyangwa gitanga sheki mu kigo cy'ihwanyabwishyu kugira ngo yishyurwe; (n) « Sheki-koranabuhanga » bivuga sheki yoherezwa mu ishusho koranabuhanga mu gihe cy'ihwanyabwishyu bikozwe n'ikigo cy'ihwanyabwishyu cyangwa ikigo cy'imari cyishyura cyangwa cyishyurwa;	cheques issued by a drawer to one or several financial institutions on the same date, irrespective of the issuance date of these bouncing cheques; the incidents hereof are grouped into four following tiers: 1st incident, 2nd incident, 3rd incident, 4th and more incident; (k) “paying institution” means a financial institution at or through which a cheque is payable and to which the cheque is sent for payment; (l) “physical cheque” means a cheque in the form of a paper-based document filled from a cheque book; (m) “presenting institution” means a financial institution that receives a cheque from a drawer, either directly, a bearer of a cheque or via a third party, or presents the cheque to the clearing house for clearing and settlement; (n) “truncated cheque” means a cheque transmitted in an electronic image during the course of a clearing cycle, either by the clearing house or by a financial institution whether paying or	chèques sans provision émis par un tireur à une ou plusieurs institutions financières à la même date, quelle que soit la date d'émission de ces chèques sans provision ; les incidents sont regroupés en quatre niveaux : 1^{er} incident, 2^{ème} incident, 3^{ème} incident, 4^{ème} incident et plus ; (k) « établissement payeur » signifie l'institution financière auprès de laquelle ou par l'intermédiaire de laquelle un chèque est payable et à laquelle le chèque est envoyé pour paiement ; (l) « chèque physique » signifie un chèque sous forme de document papier rempli à partir d'un carnet de chèques ; (m) « institution présentateur » signifie une institution financière qui reçoit un chèque d'un tireur, soit directement, soit d'un porteur de cheque, soit par l'intermédiaire d'un tiers, ou qui présente le chèque à la chambre de compensation pour paiement et règlement ; (n) « chèque tronqué » signifie un chèque transmis sous forme d'image électronique au cours d'un cycle de compensation, soit par la chambre de compensation, soit par une institution financière qui paie ou
---	--	--

icyo gihe ihererekanya ry'ishusho-koranabuhanga ya sheki risimbura ihererekanya rya sheki mu ntoki. UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGO CYISHYURA N'IZ'UTANGA SHEKI <u>Ingingo ya 4:</u> Inshingano z'ikigo cyishyura Ikigo cyishyura gifite inshingano zikurikira: (a) kumenyesha utanga sheki mu buryo bwanditse kandi busobanutse imikoreshereze ya sheki mbere yo kumuha udutabo twa sheki, ibyo amenyeshwa bikaba bigomba kubamo nibura ibi bikurikira – (i) inshingano z'utanga sheki; (ii) igihe sheki itanzwe imara ifite agaciro; (iii) imiterere ya sheki nk'inyandiko ishobora gucuruzwa; (iv) amakuru yuzuzwa kuri sheki n'utanga sheki;	receiving payment, immediately on generation of an electronic image for transmission, substituting the further physical movement of the cheque in writing. CHAPTER II: OBLIGATIONS OF THE PAYING INSTITUTION AND THE DRAWER <u>Article 4:</u> Obligations of the paying institution The paying institution has the following obligations: (a) formally and clearly inform a drawer on the use of a cheque before providing a cheque book, that information shall include at least the – (i) obligation of the drawer; (ii) validity of an issued cheque; (iii) nature of a cheque as a negotiable instrument; (iv) information to be filled on a cheque by a drawer;	reçoit un paiement, immédiatement après la génération d'une image électronique pour la transmission, en remplaçant le mouvement physique ultérieur du chèque par un écrit. CHAPITRE II : OBLIGATIONS DE L'ÉTABLISSEMENT PAYEUR ET DU TIREUR <u>Article 4 :</u> Obligations de l'établissement payeur L'établissement payeur a les obligations suivantes : (a) informer formellement et clairement le tireur sur l'utilisation d'un chèque avant de lui fournir un chéquier, ces informations comprennent au moins – (i) l'obligation du tireur ; (ii) la validité d'un chèque émis ; (iii) la nature d'un chèque en tant qu'instrument négociable ; (iv) les informations que le tireur doit porter sur le chèque ;
--	---	--

(v) ibiranga sheki itarimo amakosa; (vi) ibindi bireba imikoreshereze ya sheki; (b) kumenyesha utanga sheki mu buryo bwanditse ko gutanga sheki itazigamiwe bigize ikosa n'icyaha gihanwa n'amategeko kandi ko mu bihano bikurikizwa harimo n'ibihano byo mu rwego nshinjabyaha; (c) kumenyesha uwatanze sheki ko yatanze sheki itazigamiwe, agahabwa iminsi itanu isanzwe yo gukemura ikibazo nk'uko bivugwa mu ngingo ya 6 y'aya mabwiriza rusange; (d) kumenyesha Banki Nkuru n'Ibiro by'amakuru ku myenda sheki iyo ari yo yose itazigamiwe itakemuriwe ikibazo nyuma yo kubimenyeshwa, bigakorwa hakurikijwe ibisabwa mu imenyekanisha kugira ngo bigire ingaruka ku uwatanze sheki itazigamiwe ku birebana n'imyitwarire ye mu kwishyura inguzanyo. Mu rwego rwo gutanga raporo, umubare w'amafaranga wanditse kuri sheki itazigamiwe mu mafaranga y'amanyamahanga, uhindurwa mu	(v) features of a correct cheque; (vi) any other elements regarding the usage of the cheque; (b) formally inform a drawer that issuing a bouncing cheque constitutes a fault and an offence punishable by laws and applicable sanctions include criminal penalties; (c) formally notify the drawer of its bouncing cheque by granting it, him or her a settlement period of five calendar days as specified in Article 6 of this Regulation; (d) report every bouncing cheque not settled after the notification period to the Central Bank and to the Credit Reference Bureau, in accordance with reporting requirements in order to affect negatively a cheque defaulter's credit score. For reporting purposes, the amount on the bouncing cheque denominated in foreign currency shall be converted into Rwandan francs using the Central Bank exchange rate applicable on the presentation date;	(v) les caractéristiques d'un chèque correct ; (vi) tout autre élément concernant l'utilisation du chèque. (b) informer formellement le tireur que l'émission de chèque sans provision constitue une faute et une infraction punissable par la loi et que les sanctions applicables comprennent des sanctions pénales ; (c) notifier formellement au tireur son chèque sans provision en lui accordant un délai de règlement de cinq jours calendaires, conformément à l'article 6 du présent règlement ; (d) signaler tout chèque sans provision non réglé après la période de notification à la Banque Centrale et au Bureau de référence du crédit, conformément aux exigences de déclaration, afin d'affecter négativement la cote de crédit d'un émetteur de chèque sans provision. À des fins de déclaration, le montant du chèque sans provision libellé en devises étrangères est converti en francs rwandais en utilisant le taux de change de la Banque Centrale applicable à la date de
---	--	---

mafaranga y'amanyarwanda hakoreshejwe igiciro cy'ivunjisha cya Banki Nkuru cyari kiriho ku munsu sheki yishyurijweho; (e) guhamagarira uwatanze sheki itazigamiwe kugarura sheki zose yahawe n'ibigo by'imari kugira ngo abe yakora ubwishyu runaka, cyangwa guhagarika sheki cyangwa agatabo ka sheki byamenyekanishijwe mu buryo bwanditse ko zatakaye cyangwa zibwe; (f) kubika mu gihe cy'imyaka icumi, uhereye ku munsu sheki yishyurijweho, inyandiko zuzuye kandi zikwiye kuri sheki zitazigamiwe, zaba iz'uburyo bw'impapuro n'iz'uburyo bw'ikoranabuhanga. Izo nyandiko zitangwa mu gihe cyo gushaka amakuru iyo hasabwe gukuraho igihano, cyangwa mu gihe ibikorwa byerekeye sheki birimo impaka cyangwa ku mpamvu z'ubugenzuzi.	(e) invite a cheque defaulter to return all cheques issued by financial institutions intended for potential payments, or deactivate a cheque or a cheque book that is officially declared lost or stolen; (f) maintain comprehensive and accurate records related to bouncing cheques for ten years counted from the cheque presentation day, encompassing both physical and electronic truncation methods. These records shall be accessible for retrieval information upon request for sanction removal, in cases where cheque transactions are subject to disputes or for audit purposes.	présentation ; (e) inviter l'émetteur du chèque sans provision à restituer tous les chèques émis par les institutions financières destinés à d'éventuels paiements, ou désactiver un chèque ou un chéquier officiellement déclaré perdu ou volé ; (f) conserve pendant dix ans, à compter de la date de présentation du chèque, des archives complètes et précises relatives aux chèques sans provision, en tenant compte des méthodes de troncature physiques et électroniques. Ces registres sont accessibles pour la recherche d'informations sur demande en vue de la levée des sanctions ou dans les cas où les transactions par chèque font l'objet de litiges ou à des fins d'audit.
<u>Ingingo ya 5: Inshingano z'utanga sheki</u> Utanga sheki afite inshingano zikurikira: (a) kuzuza neza sheki agashyiraho umukono nyawo, itariki n'umubare w'amafaranga ndetse n'izina ry'uwagenewe amafaranga ;	<u>Article 5: Obligations of the drawer</u> The drawer has the following obligations: (a) to ensure the accurate fill of a cheque with a correct signature, providing the date, specifying the amount of money, and including the name of the	<u>Article 5 : Obligations du tireur</u> Le tireur a les obligations suivantes : (a) veiller à ce que le chèque soit correctement rempli, avec une signature correcte, en indiquant la date, le montant et le nom du bénéficiaire,

(b) kuba afite amafaranga ahagije kuri konti ye ku itariki sheki yatanzwe igomba kwishyurirwaho kugeza igihe iyo sheki itakaje agaciro; (c) no kumenyesha mu buryo bwanditse ikigo cyatanze sheki ko sheki cyangwa agatabo ka sheki byabuze cyangwa byibwe uwo munsu bikiba cyangwa vuba hashoboka no kugaragaza icyemezo cy'uko byabuze cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha nk' urwego rw'ubugenzacyaha cyangwa urw'ubushinjacyaha.	beneficiary; (b) to hold sufficient funds on the account on the date the issued cheque is due until the expiration of the validity of that cheque, and (c) to officially inform the institution that issued a cheque the loss or theft of a cheque or a cheque book on the same day or as soon as possible of the event and present a certificate of loss issued by a competent authority such as investigation bureau or prosecution.	(b) détenir des fonds suffisants sur le compte à la date d'échéance du chèque émis jusqu'à l'expiration de la validité de ce chèque, et (c) informer officiellement l'institution qui a émis le chèque de la perte ou du vol d'un chèque ou d'un chéquier le même jour ou le plus tôt possible de l'événement et présenter un certificat de perte délivré par une autorité compétente tel que l'office d'investigation ou de poursuite.
UMUTWE WA III : IMENYEKANISHA, IBIHANO N'IBISABWA KUGIRA NGO IBIHANO BIVANWEHO	CHAPTER III: NOTIFICATION, SANCTIONS AND CONDITIONS FOR THE REMOVAL OF SANCTIONS	CHAPITRE III : NOTIFICATION, SANCTIONS ET CONDITIONS DE LEVÉE DES SANCTIONS
<u>Ingingo ya 6: Imenyeekanisha</u>	<u>Article 6: Notification</u>	<u>Article 6 : Notification</u>
(1) Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko nshinyabwaho, ikigo cyishyura kigomba, mu gihe kibonye sheki itazigamiwe, kumenyesha uwatanze sheki ko yakoze ikosa ryo gutanga sheki itazigamiwe kandi kikamuha igihe cy'iminsi itanu ikurikira imenyeekanisha yo gukemura icyo kibazo; kandi iyo uwatanze sheki ananiwe gukemura icyo kibazo mu gihe yahawe, ikigo cyishyura gihita gitanga raporo ko	(1) Without prejudice to the provisions of relevant criminal law; a paying institution must upon realization of a bounced cheque provide a notification to the drawer on a bouncing cheque incident by granting him, her or it a settlement period of five calendar days following the notification to settle the situation and when the drawer fails to settle the issue during the granted settlement period, a paying institution	(1) Sans préjudice des dispositions du droit pénal applicable, un établissement payeur doit, dès la réalisation d'un chèque sans provision, fournir une notification au tireur sur un incident de chèque sans provision en lui ou l'accordant une période de règlement de cinq jours calendaires suivants la notification pour régler la situation et lorsque le tireur ne parvient pas à régler la question au cours

iyu sheki ari sheki itazigamiwe ndetse uwayitanze akagibwaho ingaruka n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganyijwe.	reports directly that cheque as bouncing cheque and results subsequent in applicable administrative sanctions.	de la période de règlement accordée, l'établissement payeur déclare directement ce chèque comme étant chèque sans provision, ce qui entraîne des sanctions administratives applicables.
(2) Imenyekanisha rivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo rinyuzwa kuri aderesi yatanze n'uwatanze sheki hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose bw'itumanaho bushobora kugaragazwa cyangwa kwemezwa n'ikigo cyishyura. Imenyekanisha riba ririmo nibura ibi bikurikira :	(2) The notification provided in paragraph one of this article shall be made to the drawer's provided address in any form of communication that can be traced or proven by a paying institution, and the notification shall include at least:	(2) La notification prévue au paragraphe premier du présent article est faite à l'adresse fournie par le tireur sous toute forme de communication qui peut être tracée ou prouvée par un établissement payeur et la notification comprend au moins :
(a) umwirondoro w'uwatanze sheki itazigamiwe harimo amazina, imeri, aho abarizwa, na nimero iranga umusoreshwa iyo ari ikigo cyangwa nimero y'ikarita y'indangamuntu/pasiporo iyo ari umuntu ku giti cye;	(a) the identification of a cheque defaulter such as names, email, address, and taxpayer identification number for corporate, or identity card/passport number for the individual;	(a) l'identification d'un émetteur du chèque sans provision, telle que les noms, email, l'adresse et le numéro d'identification fiscale pour les sociétés, ou le numéro de la carte d'identité/du passeport pour les personnes physiques ;
(b) ibiranga sheki zitazigamiwe birimo uwayigenewe, nimero ya konti, amafaranga yanditse kuri sheki, itariki yanditse kuri sheki, itariki sheki yishyurijweho, n'itariki ya raporo;	(b) the identification of bouncing cheques such as details of the cheque beneficiary, account number, cheque amount, date of the cheque, cheque presentation date, and reported date; and	(b) l'identification des chèques sans provision, notamment les coordonnées du bénéficiaire du chèque, le numéro de compte, le montant du chèque, la date du chèque, la date de présentation du chèque et la date du rapport ; et
(c) n'ingingo yavuzwe irebana n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa	(c) the provision referred to for administrative sanctions applicable to	(c) la disposition mentionnée pour les sanctions administratives applicables

abatanga sheki zitazigamiwe. <u>Ingingo ya 7: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa uwatanze sheki itazigamiwe</u> (1) Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko nshinjabyaha ku cyaha cyo gutanga sheki itazigamiwe, ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bitangwa kubera itangwa rya sheki itazigamiwe bihabwa uwashyize umukono kuri iyo sheki itazigamiwe ku birebana na konti z'abantu ku giti cyabo, mu gihe bihabwa ikigo gifite ubuzimagatozi cyanditse kuri sheki nk'icyatanze sheki, iyo ari konti z'ibigo. (2) Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko nshinjabyaha ku cyaha cyo gutanga sheki itazigamiwe, uwatanze sheki itazigamiwe agomba : (a) guhanishwa igihano cy'amafaranga kingana na 10% by'amafaranga yanditse kuri sheki itazigamiwe ariko kitarengeje miliyoni icumi z'amafaranga y'u Rwanda (10.000.000 FRW); (b) guhita asubiza sheki zose yahawe	cheque defaulters. <u>Article 7: Administrative sanctions applicable to the cheque defaulter</u> (1) Without prejudice to the criminal provisions applicable to the offense of issuing a bouncing cheque, administrative sanctions resulting from issuing a bounced cheque, are imposed on a drawer who signed on the very cheque that bounced for individual accounts while for the corporate accounts, sanctions are imposed on the legal entity that appears as the drawer of the cheque. (2) Without prejudice to the criminal provisions applicable to the offense of issuing a bouncing cheque, a cheque defaulter shall be: (a) subject to a pecuniary sanction equal to 10% of the bounced cheque amount capped at ten million Rwandan Francs (FRW 10,000,000); (b) subject to immediate return all	aux émetteurs de chèques sans provision. <u>Article 7 : Sanctions administratives applicables à l'émetteur du chèque sans provision</u> (1) Sans préjudice des dispositions pénales applicables au délit d'émission d'un chèque sans provision, les sanctions administratives résultant de l'émission d'un chèque sans provision sont imposées au tireur qui a signé sur le chèque même qui a été sans provision pour les comptes individuels tandis que pour les comptes des entités, les sanctions sont imposées à la personne morale qui apparaît comme le tireur du chèque. (2) Sans préjudice des dispositions pénales applicables au délit d'émission d'un chèque sans provision, l'émetteur d'un chèque sans provision est : (a) soumis à une sanction pécuniaire égale à 10% du montant du chèque sans provision, plafonnée à dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) ; (b) soumis à la restitution immédiate de
--	--	--

n'ibigo by'imari kugira ngo abe yakora ubwishyu runaka mu rwego rwo kubuza ikoresheya ryazo mu gihe cy'iminsi 45 ibarwa uhereye ku muni w'ikosa rya mbere, iminsi 90 ibarwa uhereye ku muni w'ikosa rya kabiri, iminsi 180 ibarwa uhereye ku muni w'ikosa rya gatatu n'iminsi 365 ibarwa uhereye ku muni w'ikosa rya 4 n'ay'inshuro zirenze; (c) kudahabwa inguzanyo cyangwa agatabo ka sheki gashya n'ikigo cy'imari icyo ari cyo cyose cyangwa n'ikigo icyo ari cyo cyose gitanga inguzanyo mu gihe gihwanye n'ikivugwa mu gace ka (b) k'iki gika. (3) Uwatanze sheki itazigamiwe yishyura amafaranga y'igihano avugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo akagabanywa ku buryo bungana hagati y'ikigo cyishyura na Banki Nkuru. Ikigo cyishyura cyohereza Banki Nkuru uruhare rwayo.	cheques issued by financial institutions intended for potential payments, for being deprived of their use for 45 calendar days counted from the date of the 1st incident, 90 calendar days counted from the date of the 2nd incident, 180 calendar days counted from the date of the 3rd incident, and 365 calendar days counted from the date of the 4th and above incident; (c) deprived of access to any credit facility, a new cheque book in any financial institution, or any lending institution for the period corresponding to the period mentioned in point (b) of this paragraph. (3) The pecuniary sanction whose amount is specified in paragraph two of this Article is paid by the cheque defaulter and equally shared between the paying institution and the Central Bank, and the paying institution must transfer to the Central Bank its portion.	tous les chèques émis par les institutions financières destinés à d'éventuels paiements, pour la privation de leur usage pendant 45 jours calendaires à compter de la date du premier incident, 90 jours calendaires à compter de la date du deuxième incident, 180 jours calendaires à compter de la date du troisième incident, et 365 jours calendaires à compter de la date du quatrième incident et plus ; (c) soumis à être privé de l'accès à toute facilité de crédit, à un nouveau carnet de chèques dans toute institution financière ou tout établissement de crédit pour la période correspondant à la période mentionnée au point (b) du présent paragraphe. (3) La sanction pécuniaire dont le montant est spécifié au paragraphe (2) du présent article est payée par le tireur du chèque sans provision et partagée à parts égales entre l'établissement payeur et la Banque Centrale, et l'établissement payeur doit transférer à la Banque Centrale la part qui lui revient.
--	---	---

<u>Ingingo ya 8: Ibisabwa kugira ngo ibihano bivanweho</u>	<u>Article 8: Conditions for removal of sanctions</u>	<u>Article 8 : Conditions de levée des sanctions</u>
(1) Ibihano biteganywa mu ngingo ya 6 y'aya mabwiriza bivanwaho hitawe kuri ibi bikurikira: (a) icyemezo kigaragaza ko sheki zose zitazigamiwe zatanzwe zishyuwe kandi bikaba byemejwe n'ikigo cyishyura. Iki cyemezo kigomba kwerekana itariki sheki yishyuriweho; (b) inyandiko itanzwe n'urwego rubifitiye ububasha nk'urukiko cyangwa urwego rw'ubugenzacyaha cyangwa ubushinjacyaha igaragaza ko umuntu atagikurikiranwe ; (c) icyemezo kigaragaza ko ibihano by'amafaranga byishyuwe kuri buri sheki itazigamiwe ; (d) kurangiza igihe cyagenewe igihano. (2) Mu izina ry'uwatanze sheki itazigamiwe, ubuyobozi bw'ikigo cyishyura busaba Banki Nkuru ko ibihano bivanwaho. Idosiye isaba igomba kugaragaramo inyandiko zivugwa mu gika cya mbere zemeza ku buryo budashidikanywaho ko	(1) The sanctions provided for in Article 6 of this Regulation shall be removed subject to: (a) a proof of payment of all bouncing cheques drawn by a cheque defaulter and certified by the paying institution. This proof shall be indicating the date of settlement of the cheque; (b) a clearance from the competent authority such as court or investigation bureau or prosecution for the closing of criminal proceedings; (c) a proof of payment of pecuniary sanction for each bouncing cheque, and (d) a completion of the corresponding sanction period. (2) The management of the paying institution shall on behalf of the cheque defaulter, apply to the Central Bank for the removal of sanctions. The application file shall contain documents mentioned in paragraph One proving	(1) La levée des sanctions prévues à l'article 6 du présent règlement est subordonnée à: (a) une preuve de paiement de tous les chèques sans provision émis par le tireur du chèque sans provision et certifiée par l'établissement payeur. Cette preuve doit indiquer la date de règlement du chèque ; (b) une attestation de l'autorité compétente tel que le tribunal ou l'office d'investigation ou de poursuite pour la clôture de la procédure pénale ; (c) une preuve du paiement de la sanction pécuniaire pour chaque chèque sans provision, et (d) l'achèvement de la période de sanction correspondante. (2) La direction de l'établissement payeur demande à la Banque Centrale, au nom de l'émetteur du chèque sans provision, la levée des sanctions. Le dossier de demande doit contenir les documents mentionnés au paragraphe premier

ibisabwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byubahirijwe. (3) Icyakora iyo uwagenewe sheki itazigamiwe yatangajwe ku mugaragaro ko yabuze cyangwa adahari cyangwa iyo uwatanze sheki itazigamiwe yashyikirije urwego rw'ubugenzacyaha ikibazo cy'uko uwagenewe sheki yabuze cyangwa adahari, ubwishyu buvugwa mu gika cya (1) (a) cy'iyi ngingo bwoherezwa n'ikigo cyishyura kuri konti yacyo iri muri Banki Nkuru, aho amafaranga avuye kuri konti zahagaze yoherezwa.	beyond any reasonable doubt that the requirements stipulated in paragraph one of this Article have been met. (3) However, in the event that the beneficiary of a bounced cheque has been officially declared disappeared or absent or the cheque defaulter has initiated a case of disappearance or absence of the cheque beneficiary to the investigation bureau, the payment mentioned in paragraph 1(a) of this Article shall be transferred by the paying institution to its account held in the Central Bank, where funds from dormant accounts are transferred.	prouvant, au-delà de tout doute raisonnable, que les conditions stipulées au paragraphe premier du présent article ont été remplies. (3) Toutefois, dans le cas où le bénéficiaire d'un chèque sans provision a été officiellement déclaré disparu ou absent ou si le tireur du chèque sans provision a initié un dossier de disparition ou d'absence du bénéficiaire du chèque auprès d'Office de l'investigation, le paiement mentionné au paragraphe 1(a) du présent article est transféré par l'institution payeur sur son compte détenu à la Banque Centrale, sur lequel sont transférés les fonds provenant des comptes dormants.
<u>Ingingo ya 9: Gusubiza ubusabe bwo gukurirwaho ibihano</u> Nyuma yo kwakira idosiye yuzuye, Banki Nkuru isesengura ubwo busabe hanyuma igasubiza ubuyobozi bw'ikigo cyishyura ikanabimenyesha ibigo by'imari bireba n'Ibiro by'amakuru ku myenda kandi bigakorwa mu gihe kitarenze iminsi irindwiye akazi. <u>Ingingo ya 10: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa ikigo cy'imari</u> (1) Ikigo cyishyura kitamenyesheje ibihano	<u>Article 9: Reply to the application for sanctions removal</u> Upon reception of a complete file, the Central Bank analyses the application and replies to the management of the paying institution with a copy to relevant financial institutions and the Credit Reference Bureau within a period of seven working days. <u>Article 10: Administrative sanctions applicable to a financial institution</u> (1) A paying institution that fails to inform	<u>Article 9 : Réponse à la demande de levée des sanctions</u> Dès réception d'un dossier complet, la Banque Centrale analyse la demande et répond à la direction de l'établissement payeur avec copie aux institutions financières concernées et au Bureau de Référence de Crédit dans un délai de sept jours ouvrables. <u>Article 10 : Sanctions administratives applicables à l'institution financière</u> (1) Un établissement payeur qui ne parvient

bigendanye n'ikosa ndetse ntikimenyeshe uwatanze sheki itazigamiwe gicibwa ibihano by'amafaranga mu buryo bukurikira: (a) 200.000 FRW kuri buri sheki iyo ari banki; (b) 150.000 FRW kuri buri sheki iyo ari ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abistwa. (2) Ikigo cyishyura kimenyekanishije ko sheki itazigamiwe kandi atari byo gicibwa ibihano by'amafaranga kuri buri sheki imenyekanishijwe mu buryo bukurikira: (a) 300.000 FRW iyo ari banki; (b) 200.000 FRW iyo ari ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa. (3) Kutubahiriza ibisabwa mu kubika inyandiko bihanishwa ibihano by'amafaranga mu buryo bukurikira: (a) 100.000 FRW kuri buri sheki iyo ari banki; (b) 50.000 FRW kuri buri sheki iyo ari ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abistwa.	applicable sanctions and provide a notification to a cheque defaulter shall be charged a pecuniary sanction as follows: (a) FRW 200,000 for each cheque for a bank; (b) FRW 150,000 for each cheque for a deposit-taking microfinance institution. (2) A paying institution that reports a cheque as bouncing while untrue shall be charged a pecuniary sanction for each cheque so reported as follows: (a) FRW 300,000 for a bank; (b) FRW 200,000 for a deposit-taking microfinance institution. (3) Violation regarding record-keeping requirements shall be subject to pecuniary sanction as follows: (a) FRW 100,000 for each cheque by a bank; (b) FRW 50,000 for each cheque by a deposit-taking microfinance institution.	pas à informer les sanctions applicable et à fournir une notification à l'émetteur du chèque sans provision se voit infliger une sanction pécuniaire comme suit : (a) 200.000 FRW par chèque destiné pour une banque ; (b) 150.000 FRW par chèque pour un institution de microfinance de dépôt. (2) L'établissement payeur qui signale un chèque comme étant sans provision alors que cela est faux se voit infliger une sanction pécuniaire pour chaque chèque ainsi signalé comme suit : (a) 300.000 FRW pour une banque ; (b) 200.000 FRW pour une institution de microfinance de dépôt. (3) La violation des exigences en matière d'archivage est soumise à une sanction pécuniaire comme suit : (a) 100.000 FRW par chèque pour une banque ; (b) 50.000 FRW par chèque pour une institution de microfinance de dépôt.
--	---	---

(4) Icyakora, ibindi bitubahirizwa birebana no gutanga raporo bigengwa n'ibiteganywa n'amabwiriza yerekeye ibisabwa mu gutanga raporo. <u>UMUTWE WA IV: GUSAZA KW'IBIHANO</u> <u>Ingingo ya 11: Gusaza kw'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi kuri sheki zitazigamiwe</u> (1) Ibihano biteganyijwe muri aya mabwiriza bisaza mu gihe cy'imyaka 10, ibarwa uhereye ku itariki byatangiweho. (2) Icyakora, iyo uwagenewe sheki atari yishyurwa, ashaka igisubizo binyuze mu nzira ziteganywa n'amategeko bireba. <u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 12: Ingingo ivanaho</u> Amabwiriza rusange n° 2310/2018-00018 [614] yo ku wa 27/12/2018 ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekeye sheki zitazigamiwe n'izindi ngingo zose z'amabwiriza zibanziriza aya mabwiriza zinyuranyije na yo	(4) However other violations related to reporting are subject to the provision of the relevant regulations and directive on reporting requirements. <u>CHAPTER IV: PRESCRIPTION</u> <u>Article 11: Prescription of administrative sanctions on bouncing cheques</u> (1) Sanctions provided for in this Regulation are subject to a prescription of 10 years, counted from the date they were imposed. (2) However, if the beneficiary of the cheques is not yet paid he or she shall seek remedies through provided legal means by relevant laws. <u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 12: Repealing provision</u> Regulation n° 2310/2018-00018 [614] of 27/12/2018 of the National Bank of Rwanda relating to bouncing cheques and all prior regulatory provisions inconsistent with this Regulation are hereby repealed.	(4) Toutefois, les autres violations liées aux rapports sont soumises aux dispositions des règlements and directives sur les exigences en matière de déclaration. <u>CHAPITRE IV : PRESCRIPTION</u> <u>Article 11 : Prescription des sanctions administratives relatives aux chèques sans provision</u> (1) Les sanctions prévues au présent règlement se prescrivent par 10 ans, à compter de la date à laquelle elles ont été prononcées. (2) Toutefois, si le bénéficiaire des chèques n'est pas encore payé, il doit recourir aux moyens légaux prévus par la législation en vigueur. <u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 12 : Disposition abrogatoire</u> Le Règlement n° 2310/2018 -00018 [614] du 27/12/2018 de la Banque Nationale du Rwanda relatif aux chèques sans provision et toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent règlement
---	--	---

bivanyweho. <u>Ingingo ya 13: Ingingo y’ururimi</u> Aya mabwiriza yateguwe kandi yemezwa mu rurimi rw’Icyongereza. <u>Ingingo ya 14: Gutangira gukurikizwa</u> Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	<u>Article 13: Language provision</u> This Regulation is drafted and adopted in English. <u>Article 14: Entry into force</u> This Regulation comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	sont abrogés. <u>Article 13 : Disposition linguistique</u> Le présent règlement est rédigé et adopté en anglais. <u>Article 14 : Entrée en vigueur</u> Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	---	---

Kigali, 19/12/2024

(sé)

RWANGOMBWA John
Guverineri
Governor
Gouverneur

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux